INDYOHESHA-BIRAYI

Alegisi KAGAME

Interuro ibasohozaho aka gatabo.

Aka gatabo nagahimbye mu wa 1941-1942 gatangazwa bwa mbere muri 1949. Hariho abantu benshi bari barakwumvise, na n'ubu bagahora bakanyishyuza. Ni cyo kinteye kugatangaza, kugakorera icyapwa rya kabiiri.

Aka gatabo kitwa **Indyohesha-birayi:** si jye wakise ntyo, ahubwo nari narakise **Izina ry'Ingurube**, kuko gahimbura umugendo w'**Amazina y'Inka**. Muzi ko Amazina y'Inka bisobanura **Ibyivugo by'Inka** (nk'uko mu Kirundi ibyo twita **ibyivugo** babyita **Amazina**).

Iyo Izina ry'Inka ari umuzinge (ari byo kuvuga: risatuwemo imivugo myinshi), iyo mivugo yose isozwa n'ibango rimwe rukumbi rigumya kugaruka mu ndunduro ya buri muvugo. Iryo jambo rero rikitwa **impakanizi y'umuzinge**, nk'uwo muri iri Zina ry'Ingurube haguma kugaruka Indyohesha-birayi. Iri bango rero ni impakanizi y'iri Zina ry'Ingurube.

Navuze ko jyewe nari narise aka gatabo "Izina ry'ingurube". Mbere yo kugatangaza najyaga ngatiza abantu ngo bagasome, bambwire icyo bagatekerezaho. Bamwe ndetse barakandukura, ariko bose bahitamo kukita **Indyohesha-birayi**. Mbibonye ntyo, nanjye ibyo abo bandi bari barihitiyemo, ngatangaza nkise Indyohesha-birayi.

Hariho ingingo ebyiri ngomba gusobanura:
1º. Ni ki cyanteye guhimba aka gatabo? Icyo gihe nari maze gushyikira Amazina y'Inka, n'ibyivugo n'ibisigo. Ngira rero agatekerezo ko guhimba ikintu cyagira umugendo umwe na byo. Mbanza gufata mu mutwe Amazina y'Inka menshi, n'ibyivugo n'ibisigo, kugirango niyumvemo imitererwe yabyo, ndebe icyo nzahitamo gukurikiza. Aho bigeze niyumvisha ko inganzo ikwiriye ari iy'Amazina y'Inka. (**Inganzo** bivuga imihimbire, inzira bakurikiza mw'ihimba, kuko Ibisigo n'Ibyivugo n'Amazina y'Inka bifite amategeko anyuranye, kimwe ayacyo, ikindi ayacyo).

Namaze kubona rero ko Indyohesha-birayi ishimishije abayisomaga, numviraho ko nashyikiriye Inganzo y'Amazina y'Inka, nuko ntangira guhimba "**Umuririmbyi wa Nyiri-ibiremwa**," mu nganzo rero y'Amazina y'Inka.

2º. Ingingo ya kabiri rero; numvise benshi bambaza ngo: "Mbese Abatware wavuzemo, ndetse n'Umwami, ntibyabarakaje, ntibyabaguteranijho?" Ababivuga batyo, bazarebe mu kandi gatabo kitwa **Iyo wiriwe nta rungu**. Bazasangamo **Ibisigo by'Ubuse** (ku mpap. 19-46).

Bene ibingibi rero si ugusebanya, kuko biba bizwi ko ibivugwamo bitigeze kubaho. Ahubwo biramenyerewe ko n'iyo nzira ari inganzo yo gusetsa, yo kumara irungu. Ahubwo ababivugwamo barabyumvaga bagaseka kimwe n'abandi. Kuko rero aka gatabo

kakurikizaga inganzo bamwe batamenyereye, ni cyo cyatumye mbanza gutangaza Iyo wiriwe nta rungu (mu wa 1959 na bwo), kugirango **Ibisigo by'ubuse** babanze bimare bamwe impungenge.

Icyitonderwa

Muri iri Zina ry'Ingurube, amabango amwe akurikiwe n'umubare uri mu gakubo, nk'iyi ngiyi (1), (2), (3), (4), n'ibindi. Igihe ugeze kuri bene uwo mubare, ujye ureba iyo numero mu ndunduro y'aka gatabo, kugirango urebe igisobanuro cy'iryo bango.

Butare ku wa 15 Gicurasi 1977

UMUVUGO 1

Ingurube iyoborwa n'abashumba bo mu Ngeyo

Rutihunza inzarwe y'isayo,
Ingurube zahanitse imirizo,
Rwa muturaga ku bijumba,
Ni igikoroto cyo mu bikoko,
Igira ibikobokobo by'ubukombe,
Ikizihirwa isanga ibishanga,
Ikizimba aho inzarwe iganje
Ikahavurunga ijabo rikahava,
Ikahacundagura bitaravugwa,
Ikahavogereza ingurube nto,
Ikahatengagura cyane
Ngo iz'imicanda zihace,
Ikahacogoza ihaconshoma,
Ikahahindura amacamba,
Ikahavura kuba isayo,
Ikaharyama humutse,
Wayibyutsa ntibyumve;
Wayikoraho uyegereye,
Ikagusigaho icyondo,
Ikagukwiza icyagane;
Yakureba igitsure,
Ukirinda kuyicyura,
Aho ishakiye gutaha,
Ukayikurikira iyo nyumba,
Ukayireba uko yateruye;
Ukayikunda mu ngendo,
Ntijorwe mu ibondo,
Ukirinda aho yaciye,
Ko hanuka bibi cyane!
Wayireba itambuka,
Ukayirata kuba itungo

Wayikebukamo imihore,
Ukayihongera ibijumba.
Uko yatendeje izuru,
Ku iherezo ry'umutonzi,
Ni ko itengura ibivuvu;
Iyo rwarika-mavubi,
Ikabihoroba ikabihwanya,
Ikabivunja ikabivuruga.
Aho isohokeye ngo urebe,
Ukayikeka kuba imvuzo,
Ari ukwuzuraho ivu.
Ubwo iteye mu nyambo,
Z'Umutware w'Uruyange, (1)
Yinyuriye ku irembo,
Bikanga rwabwiga! (2)
Ingeyo zose zirakubana, (3)
N'abashumba barabyuka,
Barahamuka, barahuruza;
Imyinjiro yo ikaba itanu: (4)
Bayihimbyamo amakome!
Ubwo ibiruru birahanika,
Inzamururo zirahoga! (5)
Uwarusazanye muri bo,
Yirata kuyitsirika,
Amagambo arayacurika,
Ayibwira amateshwa!
Ngo "Umurizo urawushyire irya,
Na yo amaso uyampange!
Wikwigira hirya:
Gumya usange ibiraro!
Mu buryamo nihakonje,
Mu ijanja nihashyuhe!
Ntutinde mu igenda
Gira uguruke ay'intashya!"
Avugishwa ijoro ryose!
Ngo burakeye barareba
Iyo ntamati ibugarije:
Yegereye imyugariro
Iraharyama harazibama.
Bayitura izimano
Umutware yohereje:
Icyo gitebo cy'ibijumba,
Ngo ikirabukwe ku rukinga, (6)
Iragisanga igihugiraho,
Buguruye ziraturuka!
Umutware w'Uruyange (7)
Yemera ko mu nyambo,

Z'Umwami nyiri u Rwanda
Bayirabukira ibitebo
Bakayoboka ikabatwara
"Indyohesha-birayi!"

UMUVUGO II
Ingurube ikangaranya abashumba bo mu Muhozi

Intamati izimba ibinyamahembe,
Dore rukangaranya-bijumba.
Ndagiye inyumba y'ijosi rinini,
Iya rufuhira mu bishamba.
Ikaruta intama zo mu bakungu
Ikaruta n'inka zo mu Batutsi,
Ibyo nta n'umwe ukibyijana.
Ikarusha inyambo kuba urujuju,
No ku bicebute ikazibumba:
Aho ziba zamuje mu mahembe,
Izirusha umwijima wayisabye,
Umunsi itera abo mu Muhozi, (7)
Ikona imirima bukigoroba,
Yaje igambiriye ibijumba
Ijya mu mirenzo irahayogoza,
Ihorobya izuru iba igisongo
Igira ibisinde irabyerereza
Isiba imigende irariganiza.
Imaze guhimbarwa n'umurimo,
Ihatsika izuru ihata ibitengu,
Ikubira hirya ikubira hino,
Icyuho iciye kiruta umurima,
Icukura haruguru igeza hepfo,
Amayogi yose iyagira intabire,
Imara ikirumba nticyarara,
Impumu zije ntiyabikangwa
Irazipfukirana itera ahandi,
Aho irahacumbika biracika:
Ikubitaho umutonzi yatyaje,
Ikoza ku bwoya irakubeta,
Iwukaza ubugi ngo butagimba!
Isonga ryayo irishyizemo ubumwa,
Ituruka haruguru y'ubuhinge,
Iterura irengereza imugongo;
Mu ruharuriro irahacukika,
Ruruta amayogi rurayasumba.
Abahahinze ntiyabaryarya;
Irimba, ibereka injumbure.
Yanga iby'amazimwe ya rubanda

Ihitamo kuhabumba rukumbi,
Ihagira inkuke yo mu nyambo
Abanyamuhozi ibahaka neza.
Imaze kurengeza imbavu zose,
Ibura uko yamiragura ibindi,
Igira ibijumba ibisasa neza:
Ku bya kandore iraharambya,
Ibya magabari irabyisegura
Ibya gisabo aho yabitinze,
Ibondo ryayo rirahashikama.
Ukwo yagakuye karunganwa,
Ihagika mu ijigo nk'ibitabi,
Nuko ubwangati buyiturutse,
Igumya gusemeka ubukungu
Ibura ukwo irambya birayigora
Ishaka ubwihina birayumya:
Nuko igangara ukwo yahagaze.
Mu nda hibyara amahane
Buba uruvuyange birahoga!
Ibiyoka byibuka kwigorora
Abantu bose bavuza induru,
Abararirizi ni bwo babyutse,
Babazanya iyo ntare iroha urwunge
Ngo : "Irarohera epfo iyo mu gishanga!
Kandi ubanza atari isanzwe:
Iyo rwabwiga ifite ijwi rindi,
Riruta ay'intare zo mu Rwanda!
Murabe maso itamara ibintu!
Abafite inka ariko murite hanze:
Yabatsembaho ayo matungo
Ejo mwarundurwa n'ubutindi
Ubwo mudatunze ya nka y'ubu
Bita "Indyohesha-birayi!"

UMUVUGO III

Majoro ayaka Abasilimu; na bo bayirega Abanyamishanana; hanyuma Ildefonsi Mutembe ayiranga kwa Bitugangando, mu Nyakibanda.

Inyumba isanga inzira iyo igenda,
Nti: Iya rubumbuza mu muhanda,
Ndavuga ingurube batagereranya
Iya rudacishwa amayira asanzwe
Si inyamaswa ni ikirunga
Uyibona iseduka mu isayo
Ugahuga ibyitwa gutangara,
Ukabura ukwo isa ugatayo utwatsi!
Jye nayobonye ukwo nayibwiwe

Umunsi irangwa impera y'igihugu
Igaca rubanda umukendero
Iturutse ahantu nje kubabwira.
Majoro agambiriye Abasilimu
Ati: "Mwe mutunze ingurube zacu,
Murazirunde muzinyereke
Ntore iy'urucece yijihije
Izazimanwa ibirori byaje!"
Baranasigana abahungu,
Bati: "Dore kwishwa imirimo ngibi!
Kuba abasilimu bo mu magote
Ibyo biragaragara ntibigihishwa!
Turakubwira gahwa mu rwondo:
Abadusirimukanye mu bwenge,
Benda ingurube bareka igote!
Bagumana isunzu benda isake!
Ingofero zacu barazitinya
Amagi aho atewe barakukumba.
Ukwo baduhenda turihoera
Baraturyamira tubireba!
Baba injajanganya bakuryarya!
Ukwo batunnyega ngo turafurebye,
Amata zihumuje bagateka.
Imineke bayimaze mu gihugu
Bakayisomeza aho n'inzagwa,
Ibyo Umunyarwanda yarabiziraga
None wibareka, nibaze:
Na bo barunde barazitunze!
Ntugakangwe na karavati
Abanyamishanana baraziturusha."
Majoro ngo abyumve avunya Abatutsi,
Arabibabwira bagwa mu kantu!
Barigunga umwanya munini
Aho bigeze bati: "Uwabimubwiye
Yanze Umwami, aradupfuruye,
Abuza ko isunzu riduhishira!"
Mutara ni bwo ahamagaye imishanana
Yo n'amagote biba uruvange,
Ati: "Uyu Muzungu reka azitwake
Nta mugayo zituruka iwabo!
Dore inka zanyu nazibaka,
Mwazirunda nta mahane,
Kuko mwazigabiwe na twe!
Ngaho mwishakemo inkuke!
Uwayiturusha agure aba bantu!
Uwo byaturukaho ayidukinze,
Byamukoraho mubikinisha!"

Bati: "Erega ingurube ni ibihumbi!
Turazitunze tuba tukuroga!
Nyamara iyaruta izo mu Rwanda
Iyo uwo Muzungu twumva ashaka,
Itungwe na nde wo kuyitanga?
Kuko ingurube iryoha cyane,
Ikaba tutareka ko iba umucanda!"
Umwami ati: "Reka mwidutinza!
Aba b'ibigoma barazitunze!"
Akebuka Semutwa na Mutembe: (8)
Bajya mu ruhando aho mu bahungu
Abahata ijisho bashya igitutu!
Arabyitaza Semutwa ariko,
Ati: "Nta ngurube ngira mba nkuroga!
Narazihumbye nkiri umuntu!
Narazitsembye nkijya kubyibuha
Insigazwa yazo nimundebe."
Ni bwo Mutembe amwanzuranije,
Ati: "Reka abeshye Umwami mwumve!
Ubwo duheruka kuza i Save,
Nta bwo wishe ingurube ikuruta?
Nta n'urwandiko waturatiye
Rw'Umuzungu utuye i Rubona
Rw'ukwo utunze ingurube z'iwe,
None ucurikiranye izo ndahiro?"
Sendashonga agira Mutembe (9)
Ati: "Urasesereza ibirego cyane!
Aho yazirazaga se uhavuze utyo,
Abanyazi bahatumwe zigashirayo,
Twabigira dute ku itariki? (10)
Jya uhakoza agatima wibwire,
Wibuke guhina amagambo!
Ahubwo va ku giti dore umuntu:
Bwira Umwami interuro yawe
Yo kuba uri inganza-marumbo!
Ingurube z'ibicece z'ubwoko,
Uzifite yivamo nk'inopfu!"
Umwami abyendera mu kirere,
Ati: "Erega ni ukuri ko Mutembe!
Gira uturangire izidutunga,
Ubwoko bwazo aho wabusanze?"
Undi ati: "Iyo ubimbaza utyo tukiza,
Mba nabirangije kare kose!
Ndabikubwira usange ari ukwo!
Ubwo ugarukiye mu Nyakibanda,
Nta Mupadiri wahasanze?
Ubumiramize aburusha Rubanda,

Akaba ari jyewe umunyura heza!
Nta bwo agereranywa mu mubyimba:
Izina yahawe ry'ubwo bwema,
Bitugangando riramukwiye! (11)
Nguwo utunga izirema ibondo!
Nguwo utanga izihaga umuntu!
Nguwo uwagukiriza abantu,
Akabaha inkuke y'uyu munsi!"
Mutara ati: "Ngiyo yewe inama!"
Ahuta asanga Majoro mu nzu,
Ati: "Iyo washakaga ubu nzi aho iri,
Ni ukwo itunzwe n'abadatorwa, (12)
Kuyikomeraho nkabibakeka.
Nyamara wanditse nk'ibaruwa,
Nkayiha umuntu akayigabana,
Ari wowe ndabona ko byashoboka!"
Majoro abyumvise arahuta.
Yaka wino ashyira ku meza,
Araruziringa afunga bahasha,
Baruha umuntu ngo ahutere,
Ajye Nyakibanda shishi itabona
Kwenda "Indyohesha-birayi!"

UMUVUGO IV

Urugendo rw'iyo Ngurube, kuva i Butare kugera i Nyanza: ibambira umuhanda, modoka zibura inzira.

Ingurube iryohera mu misango,
Iya rwisumbura ku ntama,
Nkunda impogazi y'imihore,
Iya rusukirwa n'abo mu nzu.
Isonera amenyo y'abayishiha
Ikarusha isake gushya mahwane
Igira imihore rutagugumba,
Igera no mu nda igahwekera:
N'uwayiriye agaheza utubavu,
Ntagugarirwe yabera.
Umunsi Padiri uwo ayitanga,
Yaje u Bwanamukari ihaze,
Ihaga amabondo iziba imihanda
Mashuba zose zirahagarara,
N'abadereva baracemererwa;
Baravunura bajya i Buzungu
Kubasiganuza inzira yindi,
Kuko iyabo ifunze neza;
Ingurube yuje no mu miserege,
Bakaba batageza kuyikikira

Ngo iruhande babone umwanya.
Arabibasubiza uwo mu rukiko
Ati: "Reka mwihimana se na mwe!
Nta mihanda ibiri naharuje!
Mpimbe uwundi se mu kirere
Ari ukugirango mbone aho ndara?
Nk'icyo kintu se nkigire nte?
Nta bwo muzi ibirori byacu?
Cyatumirijwe kubyizihiza
Na njye nzagenda ejobundi
Negutangwa aho bagiketa.
Nimugikurikire mwitonze
Mwige intambwe nk'iz'abantu
Aho kizishinguye muhaze,
Kugeza aho kiribuze kurara
Ubwo kiraseduka mu muhanda
Muhutere mujye iyo mwenda!
Na mwe mwigira ako gahinda
Kirabagora iby'uyu munsi
Nta we uzongera kugitunga:
Icyo ni icyaduka kidahoraho!"
Ingurube igomagira umuhanda,
Iwuca ibitengu henshi cyane,
Ari n'ikizuru ari n'ibibari:
Intambwe zayo ziranihurana,
Isi kiziteye iratengerana,
I Nyanza bumvise imirindi,
Induru nyinshi zirasahaha!
Icyo bikanze kikaba imvaho,
Icyo baketse ari ibihuha:
Bo bikanze igishitsi cy'isi,
Naho iyo ngurube ari yo ibiteye.
Byanze guhita bararikenga:
Babanga amatwi barahuririza,
Babazanya indi mpamvu ibiteye.
Intumwa zikwira aharengereye
Barayirabukwa iri mu muhanda.
Bajya guhumuriza amashuri,
Ngo: "Nimukomeze kwiga inyuguti,
Mwegukuka umutima bundi,
Kuko impamvu itumye bicika,
Ari imashini yo mu Burayi
Igeze i Buhimba iva ku Ngunda."
Ukwo cyegera barashishora,
Ya mashini ibamo igisimba.
Bamwe ngo: "Ni inzovu twabwiwe!"
Abandi ngo: "Reka mwitubeshya!

Inzovu zisanzwe ukwo tuzibwirwa
N'ubwo nyine tutazibonye
Nk'enye zaguranywa iriya!"
Babona umuntu uturutse urw'iyo
Bamushiganuje arababwira,
Ati: "Ni ingurube nk'izi muzi!
Ihanitse urwego ijya mu ibondo
Izibye umuhanda murabiruzi.
Ababona nabi iri bubagereho!
Ibyo biyikurikiye by'ibiyumbu,
Si ibibwana mutabikeka!
Ni amamodoka yabuze akayira:
Zayigaragariye bugisesa;
Ubu zirahindisha amahoni
Nyamara y'ubusa, nta cyo yumva!
Na njye kuyicaho ubu mureba
Ni uko ninyuriye iruhande,
Nca mu bisambu no mu ntusi,
Ndagota neza ngaruka hino,
Nza mu muhanda ndikomereza.
Abayirebye bacyitonze
Bahoze bagarura ab'impunzi
Ngo: "Nimugarukire aho muhinge
Si igisimba ga ba nyabusa!
Ni ya yindi yo ku rurembo
Abanyagikari bahezereza
Bayitekanye n'utunono,
Ngo ari yo "Indyohesha-birayi."

UMUVUGO V

Urugendo rw'iyo Ngurube kuva i Nyanza kugera i Kabgayi: bakeka ko ari imvura; uwahoze mu Buganda yemeza ko ari itanki irwanishwa mu ntambara.

Intamati ihinda nk'inkuba zesa
Iya rwitonganya mu gituza
Ndate ingurube y'umunihiro
Mvuge ruhinda mihumeko,
Umunsi iyobera abari i Nyanza,
Ikamenya bose byabagoye,
Iza i Nduga yose bayiha induru,
Ahanini igihugu gitangara.
Ije mu Marangara biba ukundi:
Yungikiranije umunihiro,
Bayikanga kuba umuvumbi.
I Gihuma hose bava mu mirima,
Bagana mu ngo birukanka
Ngo batanyagirwa bagakonja.

Abaseminari ubwo mu mashuri
Bakaba bameshe mu gitondo,
Baka uruhusa bararuhabwa,
Rwo kwanurira imyenda mu nzu.
Babigira ariko batangara,
Kuko ihinda ubutaruhuka
Kandi ibyoko biseka hose.
Abaje kwiga mu misiyoni
Imitaka yabo barayibamba
Abandi birukira amabaraza,
Abenshi bugama ku mashuri.
Ababuze ibyicaro batinze,
Bakikinga nko ku ntusi
Cyangwa ibindi biti bigaye.
Abagira isinde barayitaha
Abanyamagote bayajya mu nda.
Abatabigendana barasuma,
No mu rutoke rubegereye,
Amakoma yarwo barayakonda
Ngo nishoka bayikingire
Ah'igihimba n'umutwe byombi.
Igihe bakiri muri izo mpuha,
I Shyogwe hamanuka abantu itimba
Amaso yerekeye umuhanda.
Abari i Kavumu na Kabgayi,
Ubwo barashiguka ari yo bareba.
Ariyamirira imva-buganda
Asoza impuha yahoze ahimba;
Ati: "Nimurebe ngiyo tanki,
Imwe nababwiraga ntimubyumve,
Iyo Abongereza barwanisha!
Sinshidikanya ni yo rwose,
Ingamba zayo narazirwanye!
Nuko ndebera kure yaho,
Wenda nasanga ari rwanjye!
Ntimwegere irimo amasasu!
Yaba yenda ije kunyenda.
Kuko ikunda abo yamenyereye:
Murankingire itandeba,
Ngumye nsemurire abatayizi.
Iyo ntirwana irakaba ukwo iri!
Irasa amabomboma ukayikunda,
Irasa imizinga ikica ibintu,
Irasa amasasu yo mu mbunda;
Irasa n'imyambi mwumve na mwe!"
Irekura nk'ine aho iri hariya,
Ikagwa i Buganda ahitwa SSingo,

Cyangwa ahandi hitwa Cyagwe,
Ikica nk'abo bo mu Buremezi.
Nuko mwigumiye mu by'ino
Naho ibyo bihugu ni iyo gihera,
Dore ko ari iyo riterwa inkingi!
Indaro zaho ntabakabirije,
Ku byumweru ugira umunani.
Urebe tanki ko ari icyago,
Iyo Abongereza bagira ni imwe:
Izira iya kabiri aho yabera!
Nyamara kandi ukwo imara abanzi!
Ntugatererwe iyo ntindi!
Igira Abadage ikica icyenda,
Uwa cumi wundi ikamukomeretsa,
Imyambi yabo bayiyirasa
Ikarora hirya igatomera,
Ari amageza yifite mu nda!
Si imbarirano murabiruzi.
Za mashuba izo ziyihomereye,
Ni izi ndege mujya mubwirwa,
Zimwe ziguruka iyo zibishatse!"
Abagore bose bagira imbabazi,
Bashika bikubitira ihururu,
Bashungera baremye inteko,
Ngo: "Ego mama iyo ni yo tanki!
Aho se batindi murayibonye!
Yego mama twayibonye
Yaratubwiye uwo Munyarwanda
Twe tumukekamo ibyo kubeshya,
None ngaha turabibonye!
Yayisobanuye ukwo yayize!
Ego mwana w'Abazigaba!
Yego mama iyo ni yo tanki!
Yego mama iyo ni yo tanki
Yego ngiyo, shenge ngiyo!"
Abagore bose barasizora,
Impuha zibagishiramo idogo.
Haguma yumvise aza kurora; (13)
Ukwo yagasanganiye icyo kintu
Ati: "Iyo si tanki barababeshya!
Ni iri tungo tuzi neza!
Tukarikunda aho se bagenzi!
Uwo mufa wayo iyo uwushyikiriye
Ukawivangira n'ibijumba
Cyangwa uminjiriye mu bindi!
Birakuryohera ukabitsemba,
Wagira inyota ukanywa ubutitsa

Ufite kinini agashyira ku munwa
Ngo yibihire atawumyora!
Mutangare mutegereye
Mutayikanga bikankoraho:
Iratembera igihugu cyayo!
Ntitukiyita ga ingurube burya:
Twayihaye izina ry'intore
Ryo kuba "Indyohesha-birayi."

UMUVUGO VI

Urugendo rw'iyo Ngurube, kuva i Kabgayi kugera i Kigali; itesha Abatware imirimo bagenda bayihatsweho.

Inyumba iryohera n'amaso
Amerwe akica aho itabazwe
Ndavuga izongesha abarebyi!
Ngiyo intamati ihaka Abatware,
Iya rwikundwaho n'abasilimu.
Iyo basamarira bayirabutswe,
Iya rwikanyiza abo Batutsi,
Umunsi ihinguka i Kabgayi
Abo mu Marangara ikabakaza ipfa,
Yarahatinze cyane Haguma,
Akabya guhanga iyo nzovu amaso,
Aritegereza aratangara,
Intege zitaha arazihebura;
Atumiza igare ryo kujya i Nyanza,
Kwaka uruhushya rw'i Nyarugenge.
Bati: "Urarwakira ubusa cyane,
Kuko Isabukuru yegereje, (14)
Mukaba mwarabihagariwe;
Ube uhengeranije icyumweru!"
Ati: "Narushakiraga indi mpamvu,
Ngo mputere amasiga muyaga
Nyifatire ahagana ku Ruyenzi (15)
Tujyanirane nyizihirije!"
Bati: "Ese ni iki uvuga Mutware?"
Ati: "Munyinjira iki muyizi,
Ko ari yo ndondogoza-barebyi!"
Na we Atanazi ari we Kanimba, (16)
Apfa ayo kuyibona ibungabunga;
Iby'urwo ruhusa biramurenga!
Icyo yiringiye kirasohora:
Ingurube ihingutse i Nyarugenge,
Izembagira Abakuru mu maso,
Habura uwibuka kumutota!
Uwitwa Mfizi ari we Alfonsi, (17)

Yari yagiye migezo nk'ukwo,
Ubutoni bw'iryo tungo rinini,
Burangaza bene ubwite
Isaruti abahaye iba iy'ubusa:
Kuza imbura-gihe kwe n'imirimo,
Abyizigura nta hazabu!
Umwete w'abakuru waragiye
Uhugira ku ngurube rubunga:
Ifata mu maso barahumiriza!
Naho ubwo Semugeshi i Bufundu (18)
Asanga Rwitsibagura mwumva, (19)
Afatiye Birasa ahagana i Nyanza (20)
Bari ku kirari cy'iyo ngurube,
Bamwingingira kubajyana.
Uwo mu Bufundu akaba anywa itabi
Ariyumvira bimara umwanya;
Ubwo aribwira ati: "Ntibagerayo
Turayisangira barye byinshi,
Mbe nitubirije umugabane!"
Ashyiraho akenge arabahakanira,
Ati: "Ibyo biranyereka ko mwembi,
Iby'iyi modoka mukibibarirwa!
Uko muyiruzi iyi iragatsindwa:
Igira amanyembwa aruhije ubwenge!
Yumva abantu bayinjiyemo,
Abatari jyewe ikabahishura!
Ikanywa lisansi vuba na bwangu
Igasara nk'iyasinze, igahwera!
Nkazagomba kugura inshinge,
Nkaziyitera igahembuka!
Kuyibashyiramo byaba rwana,
Si ibigeragezwa ku rugendo!
Yadupfana aho tuvugiye aha,
Ikadutamaza bikadushobera!
Icyakora mwantuma guteguza,
Ndetse mukandika nk'ibaruwa
Ivuga ko mwaba mutahasohoye,
Ingurube ikicwa mukiri mu nzira
Nahabwa igaburo ryanyu
Ngapfa kugerekeranya ku ryanjye
Ngo ndore iherezo ukwo byagenda,
Umuntu w'imfura abyihase
Agashira inyota y'iryo tungo
Bita "Indyohesha-birayi!"

UMUVUGO VII

Igeze i Kigali mu birori irabitegurirwa: Umwami n'Abatware bayikikiriza ku meza hamwe na Bwana Rezida.

Mugabo wo mu mbira z'i Buzungu
Wa rwitahira mu Bahinde,
Ingurube iryoha kurusha byose,
Iya rwinopforwa karindwi,
Nkunze intamati y'inyama itoshye,
Iya rwikundwaho n'Abazungu
Ahari mu nda igira sukari!
Abanyankweto yarabararuye;
Barayikunda byabashabije!
Abatanirije bayirya ubwoya:
Amagufwa yayo ntibayatanga,
Barayajundika iyo bagenda;
Amatama yabo ni aho aturuka.
Ije kuba icyaduka i Nyarugenge,
Abakuru bose barayishima.
Ijyanwa mu nzu bimara umwanya,
Ntiyanasohoka bimara umunsi;
Ibyuma by'inkota z'indayi,
Bihava byambaye umwisheke!
Abakozi baho ukwo nabarabutswe,
Umwura batobye wari mwinshi!
Ngo bucye ibirori birasakabaka,
Birasamaza biba urugera!
Abakuru bose ukwo nababonye,
Babyizihiza bari nk'abandi:
Umutima wabo ukaba ku kantu!
Isaha yegereje amashoka,
Ba Madamu batuma umuntu:
Aje arabarembuza baragenda,
Ayo mazu meza barayataha!
Barahonongera mu bibanda,
Ibyo bifafari barabifunga!
Nuko Rwitsibagura araza, (19)
Acira ifudika ari ku muryango,
Uko yagatashye iryo juru ryabo
Arabukwa ameza aho adendeje:
Yumva yirukwa mu birenge,
Umutima usaba ubugwa-neza
Umuhogo wuzuramo urugwiro
Inzoka yo mu nda isamuza umwuka,
Igira ngo jorororo mu ibondo
Yumva ahongobotsemo ibintu,
Agira ubukirigitwa umunwa wose,
Azana udutwenge aramwenyura,

Abwira abandi ati: "Karabaye!"
Naho ubwo Rwampungu aratamba!
Abona isahanu ahingukiyeho,
Arayivumerera uko bisanzwe
Ajya kuyihobera baramubuza:
Barazigaziga ararorera!
Ahaguma akanya ariruhutsa!
Amatsiko amweguye arora ahandi:
Abona isahani ipfukuye neza,
Ifite urugara nk'urw'intango!
Umufa uyicagase arawureba,
Abona wahindutse urunyenyeri!
Asiga iye ya mbere aza awusanga!
Birasa ati: "Uba uroga Umwami! (20)
Nta bwo ureba ko iyo sahani,
Ari iy'umuntu wo mu kizungu,
Wize kera kuba umusirimu?
Nta bwo wamenya kuyikaya
Ngo uyumvishe ko wayishegeshe
Yireke nyende jyewe ubizi
Wekudondoza iyo mihore!"
Uwo mu Bumbogo abita hirya,
Ati: "Reka nsizane ku rubanza,
None ntasirimutse nka we,
Iri tama njunditse rinigirije,
Ndora rihwanye na karavati
Ryampa icyicaro ku ngurube,
Simpatsimburwe n'abakweta!"
Ni bwo Umutware wa Nyantango (22)
Yinjiye abakurikiye hafi:
Ayihamya ijisho rurumirana.
Ijwi rye ariranguruza adatinya
Atera hejuru by'imvaho,
Ureke iryo bamwise ry'impuha;
Ati: "Ni yo nta shiti ni ingurube!
Ntisamaza mu gihagararo;
Nyamara uyorosoye ubwoya,
Itera ubwuzu bw'urukirigite,
Ukabona usagutswe n'ibineza;
Aho bayibyagiriye ku meza,
Ukajya ushyugumbwa kuyagaza!"
Abo b'inkwakuzi ngo bahoshe,
Abandi bose bizihira inzu:
Babagabira intebe zo ku meza!
Nta rugamba rubura intwari
Majoro arwicara ku mukondo,
Umwami ateka ijabiro ryarwo.

Ababegereye mu cyubahiro,
Babajya hirya, abandi hino
Barema uruhushya rw'isangane,
Mbona abasaza barimo Nturo, (23)
Ujya abasemurira ku Muzungu,
Ari Rwubusisi nyiri Ubuliza, (24)
Dore ko acanganye muri byombi:
Ni umusaza wazungahaye!
Majoro ati: "Abasaza uko mbirora,
Ntitubahatire guhumana!
Babahe akayoga mu biro byanjye
Tuhabasange isamunani!"
Mutara ati: "Untanze inama yabyo,
Nari ntegereje kubivuga!
Kugundira abanyamurava,
Ukabakoreshaho iby'umuvundo,
Biba umugayo ukomeye mu Rwanda!
Ubukuru bubatera guceceka,
Ngo wibwize ubupfura na we!
Ingurube bayinena bikabije,
Bakirinda kuyihunza,
Ari ugutinya amakuba kuri mwe!"
Uwo mu Bwishaza arora hirya (25)
Yanga kwumva ukwo bamuhenda;
Agira Simoni na Rwubusisi, (26)
Ati: "Sinkunda ko bampeza!
Mparaye irindi zina kuri ubu,
Iryo bampimbye Rukenyangurube;
Gukenya inkware narabizinutswe!"
Kamuzinzi akebuka Umwami, (27)
Ati: "Abasaza mubahe amayoga,
Ni yo bakunda bari mu birori!
Nyamara ngusenge uri nyiri u Rwanda
Ungabire imyanya ya bane muri bo!"
Mutara ati: "Imyanya sinyitanga,
Kuko nshaka kuyikubira!
Bambe Umwami nta bwo agabura!"
Kamuzinzi agira ikimwaro;
Ngo akikure azinga icyanwa;
Akaraga azungije mu gahanga;
Ati: "Ni jye utegeka Ubugoyi bwose
Ushaka itabi ampe iye sahani!"
Majoro ati: "Nturo ga muhaguruke!
Babahe ibyicaro bibakwiye,
Na twe twigire mu byacu!"
Nturo ashaka ukwo yasubiza
Biramugora akebaguzwa arira!

Yari yabonye ibintu byiza
Ukwo byakuzuye amasahani!
Ubwuzu bwabyo bumurya mu nda,
Akanwa ke kuzuramo amazi,
Avuga mu muhogo hari ikiniga
Amaso azengamo amansonza.
Arangurura ijwi arahira Kigeli,
Ati: "Reka Bwana winkubirana!
Ndi umusaza nkaba mu byacu,
Nyamara nkigimba n'ibyanyu!
Sinabeshya imbere y'Umwami,
Sinaryarya abagabo ndi undi:
N'iby'ingurube ndabivuyanga!
Sinagenda wenda umfunge,
Cyangwa wigirire ukwo ushaka!"
Igihe ataragusha bamwumva,
Babona Rwabutogo araranganya, (28)
Afurekana umunya mwinshi!
Bamushiganuje ukwo bigenze,
Ati: "Nahugiye ibyo kwumva Nturo,
Nsanga bantwaye isahani
Iriho imihore iteye ubwuzu:
Bayikururira kwa Rutsinga, (26)
Bampa iye iriho intongo nkeya!"
Undi ati: "Urapfusha ubusa amagambo!
Nkozemo kabiri indiba iragaragara!
Isa n'iyiriwe imbere yanjye!"
Kalima ati: "Erega Karyabwite, (30)
Amada yafodotse ni inkeke
Nta bwo ashobokera mu rugendo!
Ibyo bandembye nta kavuro,
Umenya ngo ntereye inyuma yanjye!
Wangerurira iyo sahani,
Wowe kuko imbavu zarenzwe!"
Undi aramusubiza ati: "Watuza!
None ntengase mu idoma,
Amatama yawe yo ko adahokwa?
Ahora agutengarana iyo ugenda,
N'urwo rwakanakana ruje!
Uranatubeshya si ukubyibuha:
Uhora ubijunditsemo amarenga!"
Rwaburindi, Rwabukamba, (31)
Na Bisamaza nyiri Ubukamba,
Baza buhanya batinze
Ngo: "Mwatindiye iki bahungu?"
Bisarinkumi ahuta gusubiza (32)
Abigira mu izina rya bose

Ngo: "Twahangariye izuba,
Ngo ridukamure ubuhage
Bw'ibyo twizaniyeho impamba!"
Rwabukamba ati: "Emwe si wowe!
Ko ubibabwiye se utabakinze,
None bagerura ibyacu,
Ngo aha twijuse iyo mu menyo?
Niba ari byo ntitwahoanye?
Rwaburindi azana igihama,
Amira umuhore atawukanje:
Ugeze mu muhogo haba impatanwa;
Asepfura cyane ajya iwa kajwija
Asamba asumira Rwubusisi,
Ibyo yamenyereye gufata inkingi
Iyo anizwe yicaye mu kirambi!
Akoma igipfunsi aho byatumbye
Ingoto irahokwa birururuka:
Ingurube ihoroba ityo ibutagarukwa
Igira ngo dumburi mu idoma!
Ariruhutsa asesa amarira,
Ati: "Yambabaza, yabigira ite,
Ndayiheraheje ni byo bizi!
Ubwo yegereye umutima wanjye
Ugiye kwicara hamwe mu nda!"
Na we Ntaganda arisihinga (33)
Ati: "Ndabitirirwa kurya ingurube
Ushaka kurora ukwo babigenza,
Azane isahani ye mwigishe:
Turayicuranwa bya gitutsi,
Sinza kworeza ukwo bisanzwe!"
Rwamuningi ati: "Wirata! (34)
Amaboko ajigita ingurube igahora
Ugira ngo uvovore imihore
Ndayagushumbije urabiruzi!
Sinahoze nigisha amashuri
Nkanswe ibyangize Kalisimbi?"
Ubwo Fransisko Nzaramba, (35)
Abona isahani y'icyiyuhize
Iriho ibitongo by'uruvuteri
Afata mu maso abiroha mu nda
Amagufwa n'umufa byorerera ko
Nta ndamyi yasigaye bishiraho!
Nuko Nyangezi arababwira, (36)
Ati: "Simbasha kuroha nka mwe!
Mbona mucuriranya ubudatuza
Nkumva nshengurwa n'intimba
Nzira gusazira mu bututsi:

Umuhogo wanjye ugira inda ntoya!
Icyanjye mwampa uruhushya mwese,
Nk'utwo nsaguye nkatujyana,
Nkazitondera ku kiraro,
Nkifatishiriza ibigori!
Erega na mwe muri abana!
Nta we uryoherwa aroha bwangu!
Iyo ndi jyenyine nditonda:
Bampa ingurube nkagira ubwuzu
Imbabazi inteye zikaba inyanja,
Ziruta iza nyina wayibyaye:
Na mwe mwumvire aho bahungu!"
Biniga abangikana na Mbaraga, (37)
Barushanwa bunguri biratinda:
Umwe amira intongo akeba umuhore,
Undi aroha mu nda ukwo byakaje
Umwe abira ibyuya by'uwo murimo
Undi amaze kwagirizwa n'impumu!
Rwiyamirira ngo abigane, (38)
Aranigwa cyane amarira araza!
Ubwo arayura yaba imbere ye,
Ubusa ahasumiye buramubisa,
Afata ikirere akanura amaso:
Agumya gusamba iramwesura,
Agugura ku ngiga y'umuhore!
Na we Gitefano ngo amurebe (39)
Aratangira arirahira,
Ati: "Ko wabaye mu Bafureri,
Icyo gihe cyose wize ibihe?
Nahoze ngirango uzanyigisha,
Naho uracyanigwa n'Abatutsi?"
Bideri ati: "Wirenganya umwana, (40)
Ibyokurya ingurube aracyabyiga!
Umaze kurunduka ntakanja:
Ahirika bunguri nka Kalisa (41)
Cyangwa akarora Kanyangira, (42)
Ukwo amira avuruganya iyo mihore."
Na we Kalisa ati: "Urabashunga!
Ujya kuba intyoza bigira interuro;
Aba yarabanje kuba mu Rweya,
Cyangwa data se ahegereye,
Nk'ukwo na we wahoze iwacu!
Akaba nyamunsi iyo mu mparage,
Akamira isatura n'amasirabo,
Amafumberi ntayanene!
Yaba atumiriwe nk'ibi birori
Akaroha ingurube nk'ukwo undeba

Akarusha isirimu kuhaba ingenzi!"
Kanyangira yanga guhigwa,
Ati: "Aho Kalisa ntiwirata?
Izo washyikiriye ukazigiraho,
Si imiranga ngusagurira,
Jyewe utuye hirya yawe?
Ntiwumvise n'ukwo andatwa,
Agira ngo mvuruganya iyo mihore?
Dore ngutsinze impaka bareba,
N'ejo utanyuburaho imanza!"
Nuko akwegurira isahani,
Inyama z'ingurube arazagiriza:
Zipfa urufaya rw'itatabya,
Umuhogo ucuragira ubudatuza,
Usohoza iza mbere muri barohwa
Ugaruka kwenda izo ahirikayo,
Awugira rwajya, awugira rwaza:
Abakiza bose ngo: "Uramutsinze,
Uri umuhanga wo kumiraza!"
Na we Simoni wo mu Mirenge (26)
Ategateganya ibyo yahawe;
Agira n'ubwuzu we aravumera!
Ukwo agira imbabazi akora isahanii:
Arigata ku ntoki hato na haho!
Abwira Umwami ati: "Icyo ntegereje
Urampe umbwiriza ukwo bigenda!
Dore Mikayire wo mu Busanza, (43)
Yize cyane mu Bafureri!
Arabirika imihore adahwema
Yanigwa akungirikanyaho ibindi,
Akaroha mu nda iyo bikagenda
Nguwo umwalimu nkwisabiye:
Ndumva nshaka kumwigana!"
Ndora na Fundi wo mu Rusenyi, (44)
Iyo nyoni ishaje ikiri ishashi
Izina yaryiswe ko riba umuntu
Ahaga utubondo asa n'agapira!
Na we Karoli ari we Rubayiza, (45)
Ahabura icyicaro yatinze;
Asaba guhabwa intongo hose:
Umwe akamuvungurira nk'akantu,
Ingurube isabika udutoki twose!
Ahawe isabune yo kuyikaraba
Ahinda uyizanye n'amazi;
Ati: "Inzira yose ndi buzirigate
Kuko naje nta gahamba!"
Rutamu abwira uwo mu Buhanga, (46)

Ati: "Usabe imbari z'iyo ngurube
Ufate neza ndi bukubwire!
Amazi ashyushye uri ku kiraro,
Bambe ndahoze uri bubirebe."
Gashugi asubiza abiseka cyane,
Ati: "Ibyo anyigisha yibagirwa ukwe:
Ni jye wabanje kubimutoza!
None wibutse ubwo buhanga,
Umutsima w'ayo mazi se uri he?"
Nuko Rwubusisi abirebye, (23)
Yata inzasaya zirakunda
Inyama ayidonda mu maraka hirya,
Umuhogo uhorahoje biracweza!
Bati: "Erega urabikorana ubuhanga!"
Ati: "Ni cyo cyatumye ndondereza!
Mbanza intongo ipfa nkaritsirika,
Igihe ngiteganya iz'imihore!
Bose bamara kurya ibyabo,
Nkabanokeshwa nkayikuza!"
Amiragura nka gatanu Kamali (47)
Aheta umushyishyito nyamunini
Yari yabikiye kwikuza!
Ukwo yakawiroshye mu nkanka,
Isibo y'ingurube ikina mu muhogo!
Urwano narugiriye amakenga,
Ngo biratengukana bijyane,
Inzira yabaye agahombane!
Na we Mukarage arigata ibyuma (48)
Ahinira ku nkokora amashati;
Inzara z'ingurube akazumutsa,
Yanga kuzipfusha akamama;
Aye masahani aranayakomba!
Sinzi uwamubajije aho atwara,
Gasinya asubiza by'ubuvugishwe, (49)
Abihusha cyane abica iruhande!
Ati: "Urashe icyitso ubivuze imvaho!
Iryoshye ukwayo ntumubeshye!"
Ryumugabe abwira Kaberuka, (50)
Ati: "Ukwo iyi ngurube ifite ikinove
Nayitangira mu gitondo
Bukagoroba maze uruhande!"
Undi ati: "Ndaguhebye uri akanyanda!
Jye nayanzika mu museso,
Nko mu mashoka inkono nkayeza!"
Muregancuro abwira Katabarwa, (51)
Ati: "Ifite aho yandutiye ibitari yo!
Uyimaze, itera umunwa uburyohe,

Ibyo ukabigendera bigatinda!"
Undi ati: "Nagirango ntiwabibonye,
Cyane cyane iyo ugize Imana
Mu rugo bose bakayinena,
Ukayibumbaho uri rukumbi!"
Na we Kanobana ubwo arashega, (52)
Agira Munyaneza w'i Buyaga:
Ati: "Enda dukomeze turohe mu nda:
Dore Muganga ari butuvure!"
Undi ati: "Muganga uyu w'Umuzungu
Yandusha ubuhanga bw'ibindi,
Naho ureke ubw'ivutu rinyarwanda!
Aho nacumbitse namenyereje
Naratatishije sinahubutse:
Ibigega byaho ni bitatu bishya,
Imisoto nayimenyereye kera!" (53)
Na we Ruhorahoza ngo ayihage, (54)
Inda ye imusagukira mu menyo
Agira Butare uyu Godifiridi, (55)
Ati: "Iyi ko ari uburiza turoyeho,
Izo mu ishyamba birutanwa bite?"
Undi ati: "Iy'ishyamba ibuzemo itoto
Igira n'umwuka nk'uw'impongo!
Imibi yakwaganya wahaze,
Ukabona utuze urushyambashyamba!"
Undi ati: "Enda kora aha ubivuze neza
Iyi yanjyanye agatima kose!"
Na we Fideli wo mu Bunyambo, (56)
Ahaza abangamiwe mu maso,
Ari iby'Umuhima ukunda injome,
Akanga kwica inka ze amabere!
Umwami ati: "Dore uwo Munyambo
Unennye ingurube, tugize imana!
Amata ari hehe akayagotomera?"
Ibyo abibabwira yica ijisho!
Injome bayitumiza uwo mwanya,
Umufa w'ingurube bawucuriramo!
Ngo bamuhereze ntiyareba:
Akubita ku munwa rurumirana,
Twumva abirohana inkubiri,
Bivuga gorogoro mu nkanka!
Biba urusumo umuhogo wose,
Acurira hasi iyo mu kizenga!
Ati: "Amata y'ino aruta ay'iwacu!
Muranywe nk'aya aho kurya ingurube
Mwabikomeza mwahumana!"
Giti mu jisho agenda arata,

Inka zahumujwe amata nk'ayo!"
Rwigemera ashize inkubiri, (57)
Akora umukandara aradohora,
Agatebe aragashikamira ukwo ari,
Ati: "Uwabwira Majoro ijambo!
Wenda atware inka atsotsobe,
Agabure "Indyohesha-birayi!"

UMUVUGO VIII
Ibisingizo by'iyo Ngurube isuzuguza ibiribwa bindi.

Ingurube ivura inkono kubiha,
Ikagira ubwenge bwo mu bitekwa,
Iya rwiganza mu Misiyoni,
Ncyuye indatwa yo mu bibagwa,
Ize mu rusange rw'abadutwara,
Ikunde iratwe muri rubanda!
Ivane intama mu isafuriya
Ikure isake ku isahani,
Ineshe n'inka yo mu batetsi.
Amahene yose ave mu bikari,
Ikube ibyo bihugu ibe icyigenge,
Ivangwe n'imiteko y'imyaka.
Iyihe kuryohera Abanyarwanda.
Ni rutsirika bubihe
Ikabutsura ikabutsinda,
Ikabutsemba ikababumba!
Ni rubumba batetsi
Rwikunda ku mbehe,
Rwiganza ku myunyu
Rwigenga mu bikari,
Ruhatunga burundu,
Rwikebera iyo fasi,
Ikayitunga nk'Umwami,
Ikahabumba itavuguruzwa!
Ni ruhonjoka gitware,
Rwizihirwa n'ibondo,
Ni impogazi rubunga
Ya rutengerana ngingo
Imvuruga-bisogororo
Ya rusaga sorori;
Ni inyumba rwabunga
Ya ruvonyeza-bijumba!
Ni ruteturura abagore b'impumbu,
Rutuburira abibutse gucunda,
Ruhimbaza abakikije ameza,

Rusohoka ku isafuriya isaha isohoye
Rutavugisha impuha abo yaryoheye mbere,
Rutetereza abiratana inyama zindi,
Rusendereza amasahani ukabikunda,
Rukorerwaho imisango y'isabukuru,
Rutumirirwa Abazungu iyo bava,
Rutera icyunzwe cy'uburyohe.
Rwinopforwa n'abahinyura ibindi,
Rubahaga umubyimba ukaguka,
Rubatera umudigi nk'uwa nyamaturi
Ubwo yaturutiye iz'amashyamba,
Ikaba inaturuka kure h'ishyanga,
Ndariyibanje izina ry'ingurube
Izajye iratirwa aho yabazwe:
Yitwa "Indyohesha-birayi!"

AMAHAMBA Y'ABUNGERI B'INGURUBE

Inzovu y'urwijiji rukabije ubujorojoro
Iya rujegeza-bijumba rwa semitabo,
Noneho amavubi arayarika mu bikobokobo,
Kira nyumba ya rukara rwa Majoro!

Rujugitira-bijumba rwa njunditse ibika,
Imvubu y'icyagane ya ruhungabanya-bitebo,
Isigaye itengerana umuraru wose ugatigita
Ikaba iya Rutare rwa SOMUKI i Rutongo!

Kivurivuri cya ruvungura-byavu,
Imbona-bake ya ruhingitirana-mubiri,
Ni ikitayega zishokanye umunihiro,
Ikaba iya Rukara rwa MINETE!

Ruhiniriza-kibero rwa sendahiriye,
Karisimbi k'amatungo ka ruhonjokerana,
Iyo basigaye bitiranya na ruva-kwaya,
Ikaba iya Rutare rwa Muganga.

Umuduga uhetse umubyibuho wa ruzimiza-mbavu,
Imponjoke yagurirwa amarembo ya ruhimbaza-barebyi
Isigaye ikinana ibicece mu icongori ry'ibifungo:
Ikaba iya rukara rwa Kurimpuzu, nzayibaga!

Gihirihiri cya ruhingika-bondo,
Inyumba irangwa n'umubyibuho ya ruvonyeza-bijumba,
Isigaye ibunda mu byambu ikabigomera:
Iba mu ngoro mu Rukari, aho zogerezwa isahani!

Gihiringitirane cyashiriyemo umurizo,
Mavuta-mingi ya rutenga-bondo,
Iyashinganywe n'abategeka-birori ba Leta,
Ifungiye i Rwinkwavu kwa Sovanye

Rubyagira-nzira rwa ndanze guhigama,
Intamati yamazwe ubwoya no kuneta ya rubyimbabyimba,
Iyo bakekaga umwingo ikarushya abasuzumyi,
Izigamwe na Misiyoni iruhande rw'ifumbira!

Yemwe ga bana baragiye mu bishanga,
Mureke zirenze imijumbajumba n'isayo,
Nizihaga zihundagarire mu bizenga:
Zidashongesha amavuta yo gukaranga ibirayi.

Kamena niboneka ntibahute kuzamburira,
Ahanini muri hoteri harazishaka;
Zirahaka amanoti n'ibikoroti mu mabondo,
Nicyo abasirimu bazikundira murakenge!

Kuyavuga si ko kuyarangiza inyuma:
Uwarata intendeza-matwi yakesha amajoro!
Za runihira zishoka nk'imvura y'umuhindo
Impini igaturika zikwira ibishanga.

Nimugwire Bikoko by'imva-burayi
Nimutungwe isanzure ntimukinenwa!
Nimutebanwe akamaro n'ibinyamahembe
Mubyirukane n'amajyambere y'u Rwanda!

****
****

IBISOBANURO

1. Umutware w'Uruyange yari Fransisko Rwabutogo. Ingabo z'Uruyange zari zararemwe na Rugaju rwa Butimbo ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro. Uwo Mutwe w'Ingabo wagendanaga n'Umutwe w'Inka witwaga Ingeyo, zororaga Inyambo.

2. Rwabiga: ni izina bahimbye intare mu bihugu byegereye amashyamba zibamo.

3. Ingeyo ni wa Mutwe w'Inka wari utunzwe n'Ingabo z'Uruyange.

4. Imyinjiro: ni ingombe nyinshi zo mu kiraro cy'inka kimwe. Iyo amashyo menshi y'umutegetsi umwe yabaga aragiwe mu karere kamwe, bazubakiraga ikiraro kimwe,

ariko bakagisaturamo ingombe nyinshi, buri bushyo bukarara mu ngombe bwagenewe. Izo ngombe zo mu kiraro kimwe zitwaga imyinjiro.

5. Urwamururo: ni impigi yabaga ikozwe nk'ifirimbi, maze abashumba baba bikanze ko intare ibateye, bakaruvuza: ni byo kwamurura. Igihe bavuza urwamururo bagenda banyuzamo aya magambo bati: Agatwe irya, akabuno ino! Ubusururuke ku kiryamo, ubute mu ijanja! Birumvisha abatari babizi bo mu gihugu rwa gatati, impamvu yo kuvuga ko uwo munyarwamururo yagize ubwoba bumutera guteshaguzwa, aho kuyibwira amagambo ayigizayo, yayibwiraga ayo kuyihamagara ngo ize imwerekeraho.

6. Urukinga: ni uruhange rw'umuharuro ruteganye n'irembo ry'urugo. Bashakaga ko ingurube iva hafi y'imyugariro.

7. Umuhozi zari Umutwe w'Inka wagendanaga n'Umutware w'Ingabo zitwaga Abashakamba; iyo Mitwe yombi yaremwe na Yuhi IVGahindiro.

8. Aloyizi Semutwa yari Umutware w'Imvejuru; Ildefonsi Mutembe yari Umutware wa Nyakare. (Reba mu ndunduro lisiti y'Amaprovinsi muri Teritwari zayo.)

9. Owalidi Sendashonga yari Umutwarwe wa Nyaruguru.

10. Itariki: wari umunsi w'Ikoraniro ry'Abatware n'Abashefu babo batumiwe na Bwana Administrateri wa Teritwari, kugira ngo ababwire ibyo bagomba gukoresha. Itariki yabaga buri kwezi.

11. Bitungangando: ni izina ry'ubunini bari barahimbye Padri Van Uden. wari Umunyabintu b'Iseminari ya Nyakibanda. Iryo zina ryari ryaravuye ku mugabo wo mu bya Rwamagana wari munini biteye ubwoya.

12. Abadatorwa: abadasoreshwa, ntibabazwe imirimo na Leta; bivuga Abapadir.

13. Ladislasi Haguma yatwaraga Amarangara.

14. Isabukuru: Umunsi Mukuru w'Ububirigi (21 Nyakanga).

15. Ku Ruyenzi: agahugu ka Provinsi ya Rukoma hari hagati ya Kamonyi na Nyabarongo.

16. Atanazi Kanimba: yatwaraga Provinsi ya Nduga.

17. Alfonsi Mfizi yatwaraga Provinsi ya Rukoma.

18. Semugeshi yatwaraga Ubufundu.

19. Ludoviko Rwitsibagura yatwaraga Ubuyenzi.

20. Leonardi Birasa yatwaraga Ubunyambiriri.

21. Eduwaridi Rwampungu yatwaraga Ubumbogo.

22. Deogratias Muterahejuru yatwaraga Nyantango.

23. Paulo Nturo yatwaraga Akabagari.

24. Rwubusisi yatwaraga Uburiza na Buganza-Sud.

25. Rafaeli Serukenyinkware yatwaraga Ubwishaza.

26. Simoni Nyiringondo yatwaraga Mirenge.

27. Godifridi Kamunzinzi yatwaraga Ubugoyi.

28. Fransisko Rwabutogo yatwaraga Ubuganza bwa Rwamagana.

29. Stanislasi Rutsinga yatwaraga Ubuganza-Est.

30. Thomasi Karyabwite yatwaraga Ububeruka.
    Epafroditi Kalima yatwaraga Kibari-Buberuka.

31. Nepomuseni Rwaburindi yatwaraga Buhoma-Rwankeri.
    Berkimansi Rwabukamba yatwaraga Ubugarura.
    Kwintiri Bisamaza yatwaraga Bukamba-Ndorwa.

32. Kaniziyo Bisarinkumi yatwaraga Ubukonya.

33. Nepomuseni Ntaganda yatwaraga Icyesha.

34. Wilibrordi Rwamuningi yatwaraga Icyingogo.

35. Fransisko Nzaramba yatwaraga Ubusanza-Sud.

36. Fransisko Nyangezi yatwaraga Ubushiru.

37. Diyoniziyo Mbaraga yatwaraga Akanage.

38. Mikayire Rwiyamirira yatwaraga Ubwanacyambwe.

39. Sitefano Gitefana yatwaraga Ubukunzi-Busozo.

40. Yozefu Bideri yatwaraga Impara.

41. Stanislasi Kalisa yatwaraga Ubuganza-Rweya.

42. Antoni Kanyangira yatwaraga Migongo.

43. Mikayire Rutaremara yatwaraga Ubuganza-Nord.

44. Proyegiti Fundi yatwaraga Rusenyi-Itabire.

45. Karoli Rubayiza yatwaraga Ubudaha.

46. Yozefu Rutamu yatwaraga Bashumba.
Yustini Gashugi yatwaraga Buhanga-Ndara.

47. Krispini Kamali yatwaraga Umulera.

48. Selestini Mukarage yatwaraga Amayaga.

49. Faustini Gacinya yatwaraga Gihunya.

50. Deogratias Kaberuka yatwaraga Ndiza.

51. Teodori Muregancuro yatwaraga Ndorwa I Ouest.
Krizostomo Katabarwa yatwaraga Ndorwa II Est.

52. Medardi Kanubana yatwaraga Buganza-Nord.

53. Imisoto: bibwira ko uwaguye ivutu arivurwa no gucishwa mu misoto.

54. Gerardi Ruhorahoza yatwaraga Ubugesera.

55. Godifridi Butare yatwaraga Urukaryi.

56. Fideli Kataba yatwaraga Umubari.

57. Sitefano Rwigemera yatwaraga Urukiga.

58. Impumbu: bivuga abagore binywera amata gusa bakibagirwa gucunda.

59. Bavugaga ko Umuzungu uriye ingurube wenyine, atayitumiriye abo baturanye bose, ngo bamucaga, bakamuvana mu bandi.

ZA PROVINSI MURI TERITWARI KU MURONGO

Abatware tumaze kuvuga mu bisobanuro, ni abariho mu wa 1941-1942. Nyuma y'ubwo, Provinsi zimwe zagiye zomekwa ku zindi, kandi Abatware bamwe basimburwa n'abandi. Ni ukuvuga rero ko hagati ya 1943 na 1959 bitari bikimeze na gato nk'uko twabivuze. Muri twe hari benshi batamenye abo Batware twavuze, bakaba baramenye ahubwo abandi tutavuze.

Noneho rero dukurikiranye ayo mazina ku murongo muri buri Territwari, kuko ibingibi byose ari ibitekerezo by'u Rwanda rw'icyo gihe:

I. Teritwari ya Kigali.

1. Ubwanacyambwe: Mikayire Rwiyamirira.
2. Uburiza na Buganza-Sud: Rwubusisi.
3. Ubumbogo: Eduwaridi Rwampungu.
4. Ubugesera: Gerardi Ruhorahoza
5. Ubuganza-Est: Stanislasi Rutsinga.
6. Ubuganza-Nord: Medardi Kanubana.
7. Urukaryi: Godifridi Butare.

II. Teritwari ya Kibungo.

1. Igihunya: Faustini Gacinya.
2. Ubuganza: Fransisko Rwabutogo.
3. Ubuganza-Rweya: Stanislasi Kalisa.
4. Migongo: Antoni Kanyangira.
5. Mirenge: Simoni Nyiringondo.
6. Umubari: Fideli Kataka.

III. Teritwari ya Byumba.

1. Urukiga: Stefano Rwigemera.
2. Ububeruka: Tomasi Karyabwite.
3. Ubuyaga: Medardi Munyaneza.
4. Umutara: Gervazi Lyumugabe.
5. Ndorwa I Est: Krizistomo Katabarwa.
6. Ndorwa II Ouest: Teodori Muregancuro.

IV. Teritwari ya Ruhengeri.

1. Umulera: Krispini Kamali.
2. Ubugarura: Y. Berkimansi Rwabukumba.
3. Ubuhoma-Rwankeri: Y. Nepomuseni Rwamurindi.
4. Ubukamba-Ndorwa: Kwintiri Bisamaza.
5. Ubukonya: Kaniziyo Bisarinkumi.
6. Kibali-Buberuka: Epafroditi Kalima

V. Teritwari ya Gisenyi.

1. Ubugoyi: Godifridi Kamuzinzi.
2. Ubudaha: Karoli Rubayiza.
3. Ubushiru: Fransisko Nyangezi.
4. Ubwishaza: Rafaeri Serukenyinkware.
5. Akanage: Diyoniziyo Mbaraga.

6. Cyingogo: Wilibrordi Rwamuningi.

VI. Teritwari ya Nyanza.

1. Ubusanza-Nord: Mikayire Rutaremara.
2. Amarangara: Ladislasi Haguma.
3. Amayaga: Selestini Mukarage.
4. Ndiza: Deogratias Kaberuka.
5. Nduga: Atanazi Kanimba.
6. Nyantango: Deogratias Muterahejuru.
7. Rukma: Alfonsi Mfizi.
8. Bunyambiriri: Leonardi Birasa.
9. Kabagari: Paulo Nturo.

VII. Teritwari ya Astrida (Butare kuri ubu)

1. Mvejuru: Aloyizi Semutwa.
2. Buhanga-Ndara: Yustini Gashugi.
3. Bufundu: Semugeshi.
4. Busanza-Sud: Fransisko Nzaramba.
5. Buyenzi: Ludoviko Rwitsibagura.
6. Nyakare: Ildefonsi Mutembe.
7. Bashumba: Yozefu Rutamu.
8. Nyaruguru: Oswaldi Sendashonga.

VIII. Teritwari ya Cyangugu.

1. Impara: Yozefu Bideri.
2. Abiru: Leonidas Biniga.
3. Bukunzi-Busozo: Stefano Gitefana.
3. Icyesha: Y. Nepomuseni Ntaganda.
4. Rusenyi-Itabire: Proyegiti Fundi.

Murabona ko rero icyo igihe Teritwari ya Kibuye na Teritwari ya Gitarama zari zitararemwa. Abatware tutavuze ahangaha, abenshi mu Basomyi bakaba bakaba baramenye gusa abandi tutavuze, impamvu ni ukwo abatavuzwe bari bataragabirwa Ubutware mu myaka ya 1941-1942.